Itangazo ku bifuza kwiga mu buryo bw'iyakure muri Agence universitaire de la Francophonie

Agence Universitaire de la Francophonie [AUF] iramenyesha abantu bose babyifuza ko yatangiye kwakira abantu bose bashaka kwiyandikisha muri gahunda yo kwiga mu mwaka wa 2017/2018 mu buryo bw'iyakure [Formations ouvertes et à distance (FOAD)].

Abifuza kwiyandikisha bagana urubuga rwa internet rukurikira:

http://foad-mooc.auf.org

Kuri gahunda y'uyu mwaka hariho impamyabumenyi zigera kuri 80 zirimo iz'icyiciro cya kabiri cya kaminuza [licences] n'icya gatatu [masters] zose zirebana n'amasomo atangwa hifashishijwe uburyo bw'iyakure. Hari kandi n'andi masomo atandukanye atangwa ku buntu agenewe buri wese ubyifuza hifashishijwe murandasi, ayo bita mu Gifaransa CLOM cyangwa MOOC mu Cyongereza.

Impamyabumenyi zihabwa abiga muri gahunda y'iyakure ziba zifite agaciro kamwe n'iz'abize bari imbere ya mwarimu, nta tandukaniro.

Abanyeshuri bakomoka mu bihugu biri mu nzira y'amajyambere bagenewe ibiciro byihariye biri munsi y'ibisanzwe. By'akarusho abanyeshuri babasha kubona amanota yo hejuru kurenza abandi boroherezwa mu birebana no kwimenyereza umwuga bagenerwa agahimbazamusyi.

AUF kandi iha uburenganzira abanyeshuri bose bari muri gahunda ya FOAD bwo gukoresha ku buntu ibigo byayo birimo ibikoresho byoroshya itangwa ry'amasomo hifashishijwe uburyo bw'iyakure [Campus Numériques Francophones].

Amatariki ntarengwa yo kwiyandikisha:

- Ku masomo ateganyijwe gutangira muri Nzeri - Ukwakira 2017: Tariki 30 Gicurasi, Tariki 15 Kamena, Tariki 30 Kamena

- Ku masomo ateganyijwe gutangira muri Mutarama 2018: Tariki 15 Nzeri.

Ku bifuza ibindi bisobanuro byisumbuyeho bakwegera CNF i Bujumbura, cyangwa bakohereza ubutumwa kuri Email ikurikira: info@bi.auf.org, cyangwa se hakifashishwa umurongo wa telefone ukurikira: +257 22 24 16 38